*Ugushyingo 2025* *ikinyarwanda*

# Haguruka ugende!

---

**Sangiza abandi iby'ukwizera kuguhora ku mutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: m.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Muri uyu mwaka mutagatifu, Papa Fransiskusi aduhamagararimo kuba intumwa z'ukwizera, Milena arabasangiza ibihe bikomeye by'ukwizera yanyuzemo mu buzima bwe:

„Uyu munsi nshobora kuvuga nti, ubuzima ni bwiza. Nize guha Agaciro buri mwanya uwo ari wo wose, yemwe no mu bihe bikomeye, aho uyu munsi bigenda neza ejo bikanga'. Gusa ntibyari byoroshye na mba kwibona neza mu buzima ngo mpamye ibirindiro. Nanyuze mu bihe bikomeye ubwo nari mu myaka mito y'ubugimbi. Gutinya ejo hazaza, ibibazo mu ishuri, uburwayi bukomeye, kumva nifitemo ugushidikanya kwinshi, mbese muri rusange nibazaga uwo ndi we n'impamvu ndi hano kuri iyi si.

Nari mfite urumuri rucye cyane muri njye. Gusa muri icyo gihe natangiye kumva ko ntari njyenyine muri urwo rugendo nari ndimo. Nashatse abantu baramperekeza baranamfasha. Hagati aho nzi neza ko kwerekana intege nke umuntu afite no gushaka ubufasha ari iby'agaciro gakomeye. Ibyo nanyuzemo byarankomeje cyane ndetse binamfasha kumenya kwizera Imana by'ukuri. Imana ijyana nanjye mu nzira zanjye zose. Nta na rimwe nzigera mba njyenyine! Ibi bintera imbaraga zo kongera buri gihe guhaguruka, ngakomeza urugendo."

Twifatanye na Milena, m'Ugushyingo, dutekereze kuri iri jambo rigira riti: **Haguruka ugende!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker

---

P.S.: Mutinyuke gusangiza abandi ubunararibonye bwanyu kuri **go4peace App**, mu gice cyitwa **„**Discover & write**"**.